# 413: Intumwa z'Umwami Yesu

1. Intumwa z'Umwami Yesu
Zababarijwe mw isi;
Zahaw' izina rye ryera, Bazibambish' amahwa.

Ref: Twe, twes' abakijijwe, Twitange, tubabwirize Ijambo ry'Umwami Yesu, Maze, na bo bakizwe !

2. Twa kwita mu kaga k'isi, Twihute, tubabwire Ijambo ry'Umwami Yesu, Tugarur' intama ze.

3. Abataz' Imana yacu,Twihute, tubabwire Ijambo ry'Umwami Yesu, Barek' ibyaha rwose.

4. Dor' intambara n'ibyago Bir' imbere yac' ubu. Abarwanir' ubutumwa, Twihute, tubukwize.

5. Peter' ubw' amwihakanye,Yumv' inkoko zibitse; Nukw aricuz' ararira; Maz' arababarirwa.

6. Twemere kuvug' ukuri Hagati y'abanzi be; Tubabibemo n'imbuto Yesu yatubibyemo.

7. Uwizera yatorewe Kubageza ku Mana, Ngo bave mu byaha byabo: Tyo nimubabwirize !

8. Mwizerwa, genda wishima : Uzagera mw ijuru ! Uzambikw' ikamba ryera : Nta rupfu rugerayo !(Rwanda)

Visit us at burundi.indirimbo.com